



## Inkingi Forces Démocratiques Unifiées United Democratic Forces

☎ ++(250) 728636000      ✉ Fdu.inkingi.rwa@gmail.com

www.victoire-ingabire.com - www.fdu-rwanda.com

**Kigali - Rwanda**

*“Pour un Etat de Droit, la Democratie et l’Egalité de chances”; “For the rule of law, democracy and equal opportunity”*

---

Kigali kuwa 11Gashyantare 2013

**Rwanda: Ishyaka FDU-Inkingi rirasaba Pahuro Kagame nk’umuyobozi wa FPR –Inkotanyi guhagarika ibikorwa by’ubushotoranyi ku batavugarumwe nawe akoresheje “inzego z’umutekano.”**

Ishyaka FDU-Inkingi,rirongera kwiya ubuyobozi bwa FPR Inkotanyi,na Leta yayo,uburyo bikomeje gukoresha inzego z’umutekano mu guhimbira abatavuga rumwe nabo ibyaha hagamijwe kubafunga ,kubashimuta cg kubamenesha...

Mu gitondo cy’uyu mbere tariki ya 11 Gashyantare 2013,ahagana mu ma saa kumi n’ebiri n’igice za mu gitondo,umugabo witwa Dominiko Shyirambere utuye mu mudugudu w’Amajyambere akagali ka Kamatamu umurenge wa Kacyiru ,akarere ka Gasabo yagosome na Police imwerekana urupapuro rw’uko ije kumusaka ko ngo bafite amakuru y’uko acuruzaga amafaranga y’amakorano,barasakaga inzu barayijagajaga barahabwaga. icyo gikorwa cyari kiyobowe n’umupolisi wambaye impuzankano(uniforme) ya police yanditseho Karenzi. Gusa bamusanganye amafaranga ibihumbi 40,000 y’amanyarwanda adafite inenge n’imwe.Nyuma yo kubura ibyo bari baje gusakaga bahise bamubohya bamujyana muri CID-Kacyiru bamuhata ibibazo,nyuma bafata umwanzuro wo kumujyana muri “cachot” ya Remera, bakiri mu nzira bageze ahagana ku nzu ituyemo ambasaderi w’abanyamerika uwari umutwaye ahagarika imodoka yitaba telefone,ahabwaga amabwiririza yo kumurekura,gusa ntiyamubwira imfunguzo z’inzu ye ndeste n’amafaranga ibihumbi 40,000 bari bamwambuye.

Iyi mpirimbanyi ya demokarasi si ubwambere yibasiwe n’izi ntore za FPR kuko zihora zimubwira amahwemo dore ko mu minsi yashize hari ubwo nanone yatewe iwe n’ijoro n’undi mutwe wa FPR witwaga Inkeragutabara zimuririra ijoro ryose kuko yari yanze kuzikingurira maze mu gitondo ziramuhondagura kuburyo abatabwaga bagiye kureba icyo azirahamye n’umunyamabanga mukuru wa FDU-Inkingi Bwana Sylvain SIBOMANA bagezeyo izo nkozi z’ibibi zikabiraramo zikabahondagura nibwo hitabajwe polisi maze ihageze isanga ari intore za FPR iraruka irarumira maze ibasakaga kwihangana ariko abakoraga ibyo bikorwa bitahira nta nkomyi.

Tukababwira Gushinganisha ubuzima bw’uyu Dominiko Shyirambere kuko bashobora kwinjira iwe bakahakora ibyo bashakaga bigamije kumusiga icyaha maze bakabona uko bamubamba nkuko basanzwe barabigize umwuga.

---

☎ (+250) 728636000

✉ Fdu.inkingi.rwa@gmail.com

www.fdu-inkingi.org - www.victoire-ingabire.com - **Donation:** <http://www.fdu-rwanda.com/donation>

Join us on **Facebook:** <http://www.facebook.com/pages/Victoire-Ingabire-Umuhoza-for-President/109504816547> -

Watch us on **YouTube:** <http://www.youtube.com/user/FDUInkingi123> - Follow us **on Twitter:**

<http://twitter.com/VictoireUmuhoza>

Ibi bikorwa by'umugayo bya Mafia za FPR,biherutse gukorerwa undi muyoboke wa FDU-Inkingi mu kwezi gushize ,witwa Théophile Ntirutwa wari utuye mu mudugudu wa Kangondo ya mbere Akagari ka Nyarutarama,yameneshejwe hakoreshejwe inzego z'umutekano ngo akoresha amanama mu kabari ke. Ubu buryo nibwo bwakoreshejwe n'aba bayoboke ba FPR biyita inzeko zishinzwe umutekano; hashize amezi agera kuri atandatu mu gufungira ubusa urubiruko rw'abasore 7 bo mu karere ka Rutsiro nabo bazira gusa kuba barahuye n'umunyamabanga mukuru w'ishyamba bakaganira kuri politiki,ndetse na bimwe mu bibazo byugarije ubuzima bwa buri muni bw'abanyarwanda.

Ubu bushotoranyi n'ubugizi bwa nabi bukomeza gukorerwa abatavuga rumwe na FPR,ntago tuzakomeza kubwihanganira; turasaba Pahuro Kagame nk'umuyobozi wa FPR Inkotanyi kuba umugabo agahangana mu rubuga rwa politiki yemye,niba koko ishyamba rye rimaze kuba ubukombe nkuko yivugiye igihe hizihizwaga isabukuru y'imyaka 25 y'ubukure maze agahangana n'abandi mu bitekerezo kandi mu mahoro aho guhatira abanyarwanda bose kuba inkomamashyi akihatira kubahiriza uburenganzira abanyarwanda bemererwa n'amategeko bwo kwishyirahamwe no gutanga ibitekerezo byabo nta mususu hagamije kubaka urwababyaye.

Twahagurukijwe no kubaka igihugu cyacu,tuzanye inkingi y'ukuri-ubutabera-ubwisanzure-iyubahiriza ry'ikiremwa muntu kuko nibyo byaburaga mu bimaze kwubakwa;twahagurukanye imbaraga zo guhangana n'ikinyoma mu mahoro(Pacific-resistance);ntituyobewe ko inzira FPR yanyuzemo iza zitasibanganye natwe twazica, ariko twe tuzi neza ko ikizana amahoro arambye atari ukumena amaraso ahubwo ari uguharanira icyabungabunga ituze n' ubuzima bw'abanyagihugu bose ;kuko nibo maboko y'igihugu kandi nibo musemburo w'iterambere rirambye.

Turasaba ,irekurwa ry'abarwanashyamba bacu 7 bafungiyeye muri gereza ya Muhanga,turasaba ubuyobozi bwa FPR kureka burundu itotezwa,imenesha,iterabwoba iryariyo ryose ku banyarwanda ,cyane cyane abatavuga rumwe nayo bikiri mu maguru mashya, kuko niduhaguruka uko tungana twese tukarwanya igitugu ,akarengane n'iterabwoba ,ubuyobozi bwa FPR bukuriwe na Pahuro Kagame ntibuzabona amapingu ya miliyoni 11,na police yo kubafata.

Turasaba FPR gutegura inziza yayo yo gusaza itanduranyije n'abanyarwanda;ntawe uniga ukuri kuko kutajya gutsindwa.

FDU-Inkingi

Twagirimana Boniface.

Visi-perezida w'agateganyo.

### **Ibi bimenyeshejwe:**

- \*Imiryango iharanira uburenganzira bwa muntu mu Rwanda.
- \*Umunyamabanga mukuru w'umuryango w'abibumbye
- \*Umuryango nyafurika uharanira uburenganzira bwa muntu.
- \*Ibitangamakuru bikorerwa mu Rwanda no hanze yarwo.
- \*Inama y'umuryango w'abibumbye ishinze amahoro kw'isi.